**ITEGEKO RYA PEREZIDA RITEGEKA UMU AVOKA GUTANGA IHAZABU MBONEZAMUBANO KUBERA GUTINZA URUBANZA KU BUSHAKE**

Umwaka wa 2019, umunsi wa 10 w'ukwezi kwa Nzeri;

Twebwe, BWASISI MUGABO Germain, Perezida w'Urukiko rw'Ubucuruzi, dufashijwe na DUKUZUMUREMYI Aimable, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ikirego n° RCOM 01230/2019/TC cyatanzwe na **NKUBILI ALFRED** mwene MUKARUGWIZA FELICITE na RUSIBIRA ILDEPHONSE , ID: 1195280039510008, **na KAYITESI Marie Claire** mwene BUTERA Gerard na KABANYANA Teddy ID: 1196070002374015. batuye mu Mudugudu w'Urwego, Akagari ka Kimihurura, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, baburanirwa na Me SSALI Robert;

Barega **GRACIAS COMPANY LTD** ibarizwa mu Mudugudu wa Nyarucyamu, Akagari ka Gahogo, Umurenge wa Nyamabuye, Akarere ka Muhanga, Intara y'amajyepfo ; iburanirwa na Me MUNYANDAMUTSA Jean Pierre;

Na **RUBERANDINDA Viateur** utuye mu Muduguidu wa Nyarucyamu, Akagari ka Gahogo, Umurenge wa Nyamabuye, Akarere ka Muhanga, Intara y'amajyepfo ; iburanirwa na Me MUNYANDAMUTSA Jean Pierre;

Tumaze kubona ko mu nama ntegurarubanza yo kuwa 23/7/2019 , Me MUNYANDAMUTSA Jean Pierre yasabye ko inama ntegurarubanza isubikwa akajya kwiregura bityo igasubikwa ikimurirwa kuwa 9/9/2019;

Tumaze kubona ko kuwa 9/9/2019 Me MUNYANDAMUTSA Jean Pierre uhagarariye abaregwa atitabye ariko kuwa 6/9/2019 yaranditse asaba ko urubanza rwakwimurwa na none kugira ngo yiregure;

Dushingiye ku kuba bigaragara ko Me MUNYANDAMUTSA Jean Pierre ariwe uhagarariye abaregwa muri uru rubanza;

Dushingiye kuri raporo y'inama ntegurarubanza yo kuwa 9/9/2019, igaragaza ko Me MUNYANDAMUTSA Jean Pierre yasabiwe n'Umwanditsi gucibwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200,000Frw)kubera gutinza urubanza ku bushake;

Dushingiye ku ngi ngo ya 18 , 19 na 26 z y'Itegeko no 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi;

Dutegetse Me MUNYANDAMUTSA Jean Pierre gutanga ihazabu mbonezamubano ihwanye n'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (200.000frw ) ;

Bikorewe mu biro byacu ku munsi n'itariki byavuzwe haruguru.

BWASISI Mugabo Germain

Perezida

DKUKUZUMUREMYI Aimable

Umwanditsi